PC

REPUBULIKA Y'U RWANDA
MINISITERI Y'ABAKOZI
BA LETA N'UMURIMO
B.P. 403
**KIGALI**

Kigali, kuwa 2/11/199
N°.21.03/18.:19

7/12/98
3697519

Madamu, Bwana Minisitiri (bose) DIJESCAFOP
Madamu, Bwana Umunyamabanga
wa Leta (bose)
**KIGALI**

Impamvu: Amabwiriza.

Madamu, Bwana Minisitiri,
Madamu, Bwana Munyamabanga wa Leta,

Mpereye ku ibaruwa n°16.11.20/D/ART/221 yo kuwa 13/10/1998 nohererejwe na Ambasaderi w'u Rwanda mu gihugu cy'Ubuyapani ikaba ikubiyemo amabwiriza ajyanye n'amahugurwa icyo gihugu kigenera ibihugu bikiri mu nzira y'amajyambere;

Nejejwe no kubohereza ku mugereka w'iyi baruwa kopi yayo kugirango ayo mabwiriza abagereho kandi yubahirizwe n'abakozi mushinzwe kuyobora bityo tubashe kugira n'amahirwe yo kwemererwa kujya dukurikirana ayo mahugurwa.

Mugire amahoro

**Dogiteri Yozefu NSENGIMANA**
Minisitiri w'Abakozi ba
Leta n'Umurimo.

Bimenyeshejwe:
- Nyakubahwa Perezida wa Repubulika y'u Rwanda
- Nyakubahwa Visi-Perezida wa Repubulika akaba na Minisitiri w'Ingabo
- Nyakubahwa Minisitiri w'Intebe

**KIGALI**

AMBASSADE DE LA
REPUBLIQUE RWANDAISE

TOKYO
Kowa Building No. 38, Room 702
12-24, 4-chome, Nishi-Azabu
Minato-ku 106

Tokyo, le 13-10-98

No. 16.11.20/D/ART/221

Objet :

MIFOTRA Secrétariat Central
13.10.98
8413

DMRH / 28/10/98

Nyakubahwa Minisitiri w'Abakozi
ba Leta n'Umulimo .

Binyujijwe kuli Nyakubahwa Minisitiri
w'Ububanyi n'Amahanga n'Ubutwererane .

P.O
Sylvie HATEGEKIMANA
Secrétaire général

Nyakubahwa Minisitiri .

Mpereye ku ibaruwa yanyu no 1239/18.21 ya le 15/07/98,ikaba yangezeho uyu munsi le 12/10/98 nejejwe no kubamenyesha ibi bikulikira :

Amahugurwa igihugu cy'Ubuyapani kigenera ibihugu bikili mu nzira y'Amajyambere,anyuzwa mu inzego zishinzwe ububanyi n'amahanga bw'ibihugu byombi.Minisiteri y'Ububanyi n'Amahanga y'Ubuyapani yohereza muli Ambasade yayo ishinzwe ibihugu byifuza amahugurwa inzandiko zo gusabiraho ayo mahugurwa.

Ambasade nayo ihita yohereza izo nzandiko muli Minisiteri y'Ububanyi n'amahanga n'Ubutwererane z'ibihugu ishinzwe byifuza ayo mahugurwa. Iyo Minisiteri igeza izo nzandiko ku zindi Minisiteri kugirango buzuze ibyangombwa by'Abashaka gukurikirana ayo mahugurwa hakulikijwe amashami yateganyijwe.

Iyo izo nzandiko zisaba amahugurwa zimaze kuzuzwa,zoherezwa muli Minisiteri ishinzwe ubutwererane nayo ikazohereza muli Ambasade y'Ubuyapani ishinzwe igihugu cyacu .

Ambasade ihita yohereza ibyo byangombwa bisaba amahugurwa muli Minisiteri y'Ububanyi n'Amahanga y'Ubuyapani , nayo ikabishyikiliza JICA: ikigo gitegura kikanakulikirana ibyerekeye ayo mahugurwa .

Amazina y'abakandida batoranijwe JICA ibohereza muli Ambasade y'Ubuyapani ,nayo ikabibamenyesha ibinyujije muli Minisiteri y'Ububanyi n'Amahanga y'igihugu gisaba amahugurwa kugirango ibimenyeshe abatoranijwe, batangire imyiteguro yo kujya mu mahugurwa .

Igihugu cy'Ubuyapani kizakira Abanyarwanda icumi mu mahugurwa ateganyijwe uyu mwaka .Byaba byiza ibyangombwa bijyana n'isabwa lyayo mahugurwa bikozwe vuba bikoherezwa muli JICA binyujijwe mu nzego twavuze hejuru kuko kugeza ubu Guverinoma y'igihugu cyacu ntabwo yali yasaba ku umugaragaro ayo mahugurwa .

Ndangije mbasaba,Nyakubahwa Minisitiri,ko mwakora ibishoboka kugirango iyo myanya yagenewe Abanyarwanda itazatubera impfabusa kandi igihugu cyacu kiyikeneye .

Mugire amahoro

Mutanguha Zephyr .
Ambasaderi .

Bimenyeshejwe:

Nyakubahwa Perezida wa Repubulika .
Nyakubahwa V/Perezida wa Repubulika .
Nyakubahwa Minisitiri w'Intebe .